



Nzeri 2023

ikinyarwanda

Kora ikimenyetso cy'amahoro!

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Mbahaye amahoro yanjye! (Yoh 14,27)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Kwitsa umutima inshuro eshatu, igihe hari umuntu ugukomerekeje, cyangwa kuryama ugasinzira ijoro rimwe, nyuma yaho usanga ibintu byahindutse, isi itagisa kwa kundi igihe wari ukibabaye. Iyo nitwaye gutyo, mba nzi neza ko nta kintu naza gukora ntatekerejeho ku buryo byabyara andi makimbirane.

Guhumeka witonze ukitsa umutima bidufasha gutuza no kongera kumva dutekanye muri twe. Mu bundi buryo nisanga ninjiye mu mwuka w'Imana. Nko mu kanya ko guhumbya numva mu mpemuko yanjye, umwuka w'Imana, Roho Mutagatifu ari we urimo kunkoreramo. Muri ibyo bihe aba ari kumwe nanjye, ambereye inkingi, akampa ibitekerezo by'umutuzo ndetse agatera mu mutima wanjye ibikorwa by'amahoro. icyo gihe haba ibyo Yezu yadusezeranije: „Mbasigiye amahoro yanjye, mbahaye amahoro yanjye!“

Umunsi umwe inshuti yanjye yarankomerekeje bitewe n'imyitwarire ye ihubtse. Ubwo yambwiraga kuri telefoni ku buryo bwihutse ati „mbabarira“, sinahise mbyakira!. Nahise nkupa telefoni. Numvise igikomere nari mfite mu mutima gisubiye ibubisi. Mu bitekerezo byanjye nahise ntangira kumucira urubanza. Byansubije inyuma cyane. Sinashakaga ko ibyo byuyumviro bibi binyobya, bikankoresha, ariko byari bindimo. Mu gasengesho karaswayo nasabye Yezu kumfasha. Hanjemo gutekereza ku nshuti yanjye yari imaze igihe insabye kuyiha raporo y'Inama twari duherutse gukora muri iyo minsi. Kugira ngo nshobore kuba nakora ikindi kintu cyiza cyigizaho ibitekerezo bibi byandimo, nahamagaye iyo nshuti yanjye. Niyemeje kuvuga kuri iyo nama mu buryo bwiza, ingingo ku yindi nta gukabya nshyizemo, n'ubwo bwose itari yagenze neza. Twagiranye ikiganiro kirekire cyiza cyuje ubuvandimwe. Ubwo twasezeranagaho, numvise nongeye kugira mu mutima wanjye amahoro nyayo. – **Kora ikimenyetso cy'amahoro!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker